


## INYANDIKO IGENEWE UMUPANGAYI:

Niba utakinjiza amafaranga cyangwa ikiguzi k'ibyo ukenera kikaba cyariyongereye mu gihe k'icyorezo cya COVID-19 cyangwa se kwimuka bikaba byagira ingaruka ikomeye ku buzima bwawe cyangwa ubw'uwo mubana mu rugo rwawe kuko byabaviramo uburwayi bukomeye cyangwa kwicwa na COVID-19 bitewe n'ikibazo cy'ubuzima umuntu asanganywe, hanyuma ugashyira umukono kuri iyi nyandiko igaragaza ingorane wagize maze ukayihira nyir'inzu, ntushobora gukurwa mu nzu byibuze kugeza ku wa 1 Gicurasi 2021 uzira kutishyura ubukode bw'inzu cyangwa se uzira kuyigumamo nyuma y'uko amasezerano y'ubukode arangiye. Ariko ushobora gukurwa mu nzu igihe cyose utubahiriza amasezerano y'ubukode kubera imyitwarire ihoraho kandi igayitse ibangamira bikabije imikoreshereze n'umudendezo by'abandi bapangayi cyangwa ababa mu zindi nzu cyangwa ishobora guteza ikibazo gikomeye cyahungabanya umutekano w'abandi.

Igihe nyir'inzu aguhaye iyi nyandiko, agomba no kuguha numero y'agasanduku k'iposita na imeyiri ushobora kumwohererezaho iyi nyandiko. Igihe nyir'inzu yatangiye igikorwa cyo kugukura mu nzu, ushobora koherereza iyi nyandiko nyir'inzu cyangwa urukiko cyangwa ukayiboherereza bombi igihe icyo ari cyo cyose. Ugomba gusigarana kopi cyangwa ifoto y'iyi nyandiko nyuma yo kuyishyiraho umukono mu rwego rwo kwibikira amakuru. Ariko n'ubundi uzaba ukirimo nyir'inzu amafaranga y'ubukode bwose utishyuye. Ugomba kandi kugira ibimenyetso bigaragaza neza amafaranga wishyuye n'umwenda ubereyemo nyir'inzu.

Ku yandi makuru ajyanye n'ubufasha mu by'amategeko ushobora guhabwa, wasura urubuga rwa [www.nycourts.gov/evictions/nyc/](http://www.nycourts.gov/evictions/nyc/) cyangwa ugahamagara kuri 718-557-1379 niba utuye mu mugwi wa New York cyangwa ugasura urubuga rwa [www.nycourts.gov/evictions/outside-nyc/](http://www.nycourts.gov/evictions/outside-nyc/) cyangwa ugahamagara urugaga rw'abunganizi mu mategeko cyangwa umwunganizi mu mategeko b'aho utuye niba utuye hanze y'umugwi wa New York. Ushobora guhabwa ubufasha bwo kwishyurirwa ubukode bw'inzu kandi ugomba kuvugana n'urwego rutanga ubufasha bujyanye n'amacumbi rw'aho utuye.



Nomero ngaragazagaciro (niba izwi/niba ihari): \_\_\_\_\_

Intara n'urukiko (niba bizwi/niba bihari): \_\_\_\_\_

## **INYANDIKO Y'UMUPANGAYI IGARAGAZA INGORANE YAGIZE MU BIHE BY'ICYOREZO CYA COVID-19**

Ndi umupangayi, ndi umuntu uba mu nzu y'undi mu buryo bukurikije amategeko cyangwa ndi undi muntu ugomba kwishyura ubukode bw'inzu, gukoresha no kuba mu nzu y'undi cyangwa ndi umuntu ufite inshingano zo kwishyura amafaranga agenwa n'amasezerano y'ubukode bw'umutungo uherereye (aho inzu ikodeshwa iherereye):

---

**MURI IBI BIKURIKIRA, HITAMO "A" CYANGWA "B" CYANGWA BYOMBI MU  
RWEGO RWO KUGARAGAZA KO WUJUJE IBISABWA NGO UHABWE UBUFASHA  
BUTUMA UDAKURWA MU NZU.**

- A. Mfite ibibazo by'amikoro make ku buryo ntashobora kwiyishyurira ubukode bw'inzu cyangwa kwiyishyurira andi mafaranga yose nsabwa mu rwego rw'amasezerano y'ubukode cyangwa sinshobora kubona indi nzu inkwiriye nabamo mu buryo burambye kubera impamvu imwe cyangwa nyinshi muri izi zikurikira:
1. Igihombo gikomeye giterwa no kuba urugo rutakinjiza amafaranga mu bihe by'icyorezo cya COVID-19.
  2. Ubwiyongere bw'amafaranga ngomba kwiyishyurira kugira ngo mbashe gutanga serivisi za ngombwa cyangwa ajyanye na serivisi z'ubuvuzi nkenera kubera ingaruka z'ibihe by'icyorezo cya COVID-19.
  3. Inshingano zo kwita ku bana cyangwa ku muntu wo mu muryango ugeze mu za bukuru, ufite ubumuga cyangwa urwaye mu bihe by'icyorezo cya COVID-19 zagize ingaruka mbi ku bushobozi bwange cyangwa ubw'undi wo mu rugo rwange bwo kubona akazi gafatika cyangwa kwinjiza amafaranga cyangwa zongereye umubare w'amafaranga ngombwa kwiyishyurira.
  4. Ubushobozi bwo kwishyura ibijyanye no kwimuka n'imbogamizi mfite mu kubona iyindi nzu birangoye cyane ku buryo ntashobora kubona uko nimukira ahandi mu gihe twugarijwe n'icyorezo cya COVID-19.

5. Izindi mpamvu zifitanye isano n'icyorezo cya COVID-19 zituma ntashobora kubona akazi gafatika cyangwa kugira amafaranga ninjiza cyangwa zagabanyije cyane amafaranga urugo rwange rwinjizaga cyangwa zongera cyane umubare w'amafaranga nkoresha.

Kubera ko urugo rutakibasha kwinjiza amafaranga cyangwa amafaranga nakoreshaga akaba yariyongereye, ubufasha bwa leta bwose, harimo amafaranga y'ingoboka agenerwa abashomeri, amafaranga y'ingoboka agenerwa abatakaje akazi kubera icyorezo, amafaranga y'ingoboka y'ubwishingizi agenerwa abafite ubumuga cyangwa amafaranga ahabwa abari mu biruhuko byo kwita ku muryango, nagenewe guhera igihe icyorezo cya COVID-19 cyatangiriye, ntibushobora kuziba icyuho giterwa no kuba urugo rutagifite uburyo bwo kwijiza amafaranga cyangwa igiterwa n'ubwiyongere bw'amafaranga akoreshwa.

- B. Kuva mu nzu no kwimukira mu yindi nabamo birambye bishobora kugira ingaruka zikomeye ku buzima kuko nge, umwe cyangwa benshi mu bo mu rugo rwange bafite ibyago byinshi byo guhura n'uburwayi bukomeye cyangwa kwicwa na COVID-19 kubera kurenza imyaka mirongo itandatu n'itanu, kugira ubumuga cyangwa ibindi bibazo by'ubuzima umuntu asanganywe, bishobora kuba binarimo kugira ubudahangarwa bw'umubiri budahagije.


Nsobanukiwe neza ko ngomba kubahiriza ibiteganywa n'amategeko ajyanye n'ubukode bwange, amasezerano y'ubukode bw'inzu cyangwa andi masezerano nk'ayo. Nsobanukiwe neza kandi ko ubwishyu, amande cyangwa inyungu biteganywa n'amategeko kubera kutishyura ubukode bw'inzu bwuzuye cyangwa kutubahiriza inshingano zo kwishyura nk'uko biteganywa n'amasezerano y'ubukode bwange cyangwa andi nka yo, bishobora gukomeza kumbarwaho cyangwa ngakomeza kubyishyuzwa kandi ko bishobora gutuma hatangwa ikirego maze urukiko rugategeka ko nishyura ayo mafaranga. Nsobanukiwe neza kandi ko nyir'inzu ashobora gusaba kunkura mu nzu ye nyuma yo ku wa 1 Gicurasi 2021, kandi ko itegeko rishobora kugira ibyo rirengera icyo gihe bitandukanye n'ibigaragara muri iyi nyandiko.

Umukono: \_\_\_\_\_

Amazina mu nyuguti nkuru: \_\_\_\_\_

Itariki yashyiriweho umukono: \_\_\_\_\_

**IKITONDERWA:** Ushyize umukono kuri iyi nyandiko maze urayitanga ndetse wemera ko ushobora kubihanirwa n'amategeko igihe uramutse watanze amakuru y'ibinyoma. Ibyo bivuze ko gutanga amakuru muri iyi nyandiko kandi uzi neza ko ari ibinyoma binyuranyije n'amategeko.




## **NOTICE TO TENANT:**

If you have lost income or had increased costs during the COVID-19 pandemic, or moving would pose a significant health risk for you or a member of your household due to an increased risk for severe illness or death from COVID-19 due to an underlying medical condition, and you sign and deliver this hardship declaration form to your landlord, you cannot be evicted until at least May 1, 2021 for nonpayment of rent or for holding over after the expiration of your lease. You may still be evicted for violating your lease by persistently and unreasonably engaging in behavior that substantially infringes on the use and enjoyment of other tenants or occupants or causes a substantial safety hazard to others.

If your landlord has provided you with this form, your landlord must also provide you with a mailing address and e-mail address to which you can return this form. If your landlord has already started an eviction proceeding against you, you can return this form to either your landlord, the court, or both at any time. You should keep a copy or picture of the signed form for your records. You will still owe any unpaid rent to your landlord. You should also keep careful track of what you have paid and any amount you still owe.

For more information about legal resources that may be available to you, go to [www.nycourts.gov/evictions/nyc/](http://www.nycourts.gov/evictions/nyc/) or call 718-557-1379 if you live in New York City or go to [www.nycourts.gov/evictions/outside-nyc/](http://www.nycourts.gov/evictions/outside-nyc/) or call a local bar association or legal services provider if you live outside of New York City. Rent relief may be available to you, and you should contact your local housing assistance office.



Index Number (if known/applicable): \_\_\_\_\_

County and Court (if known/applicable): \_\_\_\_\_

## **TENANT’S DECLARATION OF HARDSHIP DURING THE COVID-19 PANDEMIC**

I am a tenant, lawful occupant, or other person responsible for paying rent, use and occupancy, or any other financial obligation under a lease or tenancy agreement at (address of dwelling unit):

---

**YOU MUST INDICATE BELOW YOUR QUALIFICATION FOR EVICTION PROTECTION BY SELECTING OPTION “A” OR “B”, OR BOTH.**

- A. I am experiencing financial hardship, and I am unable to pay my rent or other financial obligations under the lease in full or obtain alternative suitable permanent housing because of one or more of the following:
1. Significant loss of household income during the COVID-19 pandemic.
  2. Increase in necessary out-of-pocket expenses related to performing essential work or related to health impacts during the COVID-19 pandemic.
  3. Childcare responsibilities or responsibilities to care for an elderly, disabled, or sick family member during the COVID-19 pandemic have negatively affected my ability or the ability of someone in my household to obtain meaningful employment or earn income or increased my necessary out-of-pocket expenses.
  4. Moving expenses and difficulty I have securing alternative housing make it a hardship for me to relocate to another residence during the COVID-19 pandemic.

5. Other circumstances related to the COVID-19 pandemic have negatively affected my ability to obtain meaningful employment or earn income or have significantly reduced my household income or significantly increased my expenses.

To the extent that I have lost household income or had increased expenses, any public assistance, including unemployment insurance, pandemic unemployment assistance, disability insurance, or paid family leave, that I have received since the start of the COVID-19 pandemic does not fully make up for my loss of household income or increased expenses.

- B. Vacating the premises and moving into new permanent housing would pose a significant health risk because I or one or more members of my household have an increased risk for severe illness or death from COVID-19 due to being over the age of sixty-five, having a disability or having an underlying medical condition, which may include but is not limited to being immunocompromised.

I understand that I must comply with all other lawful terms under my tenancy, lease agreement or similar contract. I further understand that lawful fees, penalties or interest for not having paid rent in full or met other financial obligations as required by my tenancy, lease agreement or similar contract may still be charged or collected and may result in a monetary judgment against me. I further understand that my landlord may be able to seek eviction after May 1, 2021, and that the law may provide certain protections at that time that are separate from those available through this declaration.

Signed: \_\_\_\_\_

Printed name: \_\_\_\_\_

Date signed: \_\_\_\_\_

**NOTICE:** You are signing and submitting this form under penalty of law. That means it is against the law to make a statement on this form that you know is false.